| 4° kureba ko hariho uburyo buhwitse mu mikorere n'ibikenewe mu kugaragaza no gucunga ishoramari ritinjiza, kugabanya bishoboka igihombo mu ishoramari no gushyika ku kigero cyo hejuru gishoboka mu kwishyuza; | 4° ensure there are effective procedures and resources to identify and manage non-earning investments, minimize investment loss and maximize recoveries; | 4° s'assurer qu'il y a des procédures efficaces et des moyens pour identifier et gérer les investissements non rentables, minimiser les pertes d'investissement et maximiser les recouvrements; |
| 5° kuyobora, gukurikirana, gusuzuma no kwita ku bibazo byose bishobora kugira ingaruka ikomeye ku ku byiza byagezweho cyangwa biri imbere byerekeye micungire y'ingorane zishingiye ku ishoramari ry'umwishingizi; | 5° direct, monitor, review and consider all issues that may materially impact on the existing and future quality of the insurer's investment risk management; | 5° diriger, surveiller, examiner et étudier toutes les questions qui peuvent avoir un impact matériel sur la qualité actuelle et future de la gestion des risques d'investissement de l'assureur; |
| 6° guha abakozi bakuru ububasha ku ishoramari no gusuzuma aho ubwo bubasha bugarukira; | 6° delegate and review investment authority limits to senior management; | 6° déléguer et réviser les limites de pouvoirs d'investissement à la haute direction; |
| 7° gufasha inama y'ubutegetsi kurangiza inshingano zayo zo gusuzuma niba amafaranga yagenewe iashoramari ahagagije no kureba ko amafaranga y'ingoboka akwiriye ku birebana n'igabanuka iryo ariryo ryose ry'agaciro; | 7° assist the board with discharging its responsibility to review the quality of the investment portfolio and ensuring adequate provisions for any impairment in values; | 7° aider le conseil à s'acquitter de sa responsabilité consistant à examiner la qualité du portefeuille d'investissements et veiller à ce qu'il y ait des dispositions appropriées contre toute atteinte aux valeurs; |

8° gukora isuzuma ry'ishoramari ryigenga ridafite aho rihuriye n'uwu ari we wese cyangwa komite bafite inshingano zo gufata ibyemzo byerekeye ishoramari;

9° kureba ko politiki y'ishoramari n'ibitangira mu ishoramari bisuzumwa nibura buri mwaka cyangwa kenshi iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 36: Inshingano z'itsinda ry'inama y'ubutegetsi rishinzwe gutanga ubwishingizi no kwishyura

Inshingano z'itsinda rishinzwe uburyo bw'imitangira y'ubwishingizi no kwishyura ni izi zikurikira:

1° gusuzuma, kwemeza, no kugenzura imbizi z'ibiyemejwe gushorwamo imari n'ibiyemejwe gushorwamo imari;

2° gushyiraho politiki yo gutahura no gukumira uburiganya;

3° gushyiraho politiki ishyiraho ibipimo ngenderwaho mu gutanga ubwishingizi;

4° gushyiraho no gusuzuma politiki ngenderwaho mu kwishyura;

5° gusuzuma mu buryo ngarukagihe pilitike n'imirongo ngenderwaho sosiyete ikoresha gutanga ubwishingizi n'ubwishingizi bw'abishingizi;

8° conduct investment reviews independent of any person or management committee responsible for making investment decisions;

9° ensure that the investment policy and risk limits are reviewed at least on an annual basis and more often if the environment so dictates.

Article 36: Responsibilities of underwriting and claims strategy board committee

The responsibilities of underwriting and claims strategy are the following:

1° review, approve, and monitor overall risk tolerance and risk appetite;

2° establishment of policy on fraud detection and prevention;

3° establishing company's models and metrics to value the underwritten risk;

4° establishing and reviewing claims policies and procedures;

5° to review periodically the policies and guidelines governing the Company's insurance underwriting and reinsurance treaties;

8° mener des revues indépendantes d'investissement de toute personne ou du comité chargé de prendre les décisions d'investissement;

9° veiller à ce que les politiques d'investissement et les limites de risque soient revues au moins annuellement et plus souvent si l'environnement l'exige;

Article 36: Attributions de comité de stratégie de souscription et de réclamation

Les responsabilités du comité de stratégie de souscription et de réclamation sont les suivantes:

1° approuver, réviser et surveiller les tolérances globales au risque et appétence aux risques;

2° établissement de la politique de détection et de prévention de la fraude;

3° Établissement des modèles et des mesures de l'entreprise pour évaluer le risque souscrit;

4° Établissement et révision des politiques et procédures de réclamation;

5° examiner périodiquement les politiques et les lignes directrices régissant la souscription d'assurance et la conclusion du contrat de réassurance;

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

6° gusuzuma mu buryo ngarukagihe uburyo bwa sisiyete bukoreshwa mu gutanga ubwishingizi n'ubwishingizi bw'abishingizi;	6° to review on periodic basis, the Company's insurance underwriting and reinsurance processes and procedures;	6° examiner périodiquement, les processus et procédures de souscription d'assurance et de réassurance de la Société;
7° gukurikirana iyubahirizwa rya politiki n'imirongo ngenderwaho yashyizweho mu gutanga ubwishingizi;	7° monitor compliance with approved underwriting policies and guidelines;	7° surveiller la conformité avec les politiques et lignes directrices de souscription approuvées;
8° gusuzuma gahunda zerekeye kwishyura ikiguzi cy'abishingizi b'abishingizi;	8° review ceded reinsurance programs and practices;	8° examen des programmes et des pratiques de réassurance cédés;
9° gusuzuma no kwemeza igura n'igurishwa ry'ibikorwa by'ubucuruzi, ibikorwa by'ubucuruzi bihuriweho n'ibikorwa byerekeye ishoramar;	9° review and approve acquisitions and disposals of lines of business, joint ventures and strategic equity investments;	9° revoir et approuver les acquisitions et les cessions de secteurs d'activité, de coentreprises et de placements stratégiques;
10° kugenzura no gusuzuma ku buryo buhoraho pilitiki yerekeye amafaranga y'ingoboka y'umwishingizi;	10° review and assess on a regular basis the policy on technical provisions of an insurer;	10° examiner et évaluer régulièrement la politique sur les provisions techniques d'un assureur;
11° kugenzura ku buryo buhoraho politiki n'uburyo bwo kugena ibiciro;	11° review on a regular basis pricing's policy and strategy;	11° examen sur une politique et une stratégie de tarification régulière ;
12° kugenzura no kwemeza politiki yerekeye ubwishingizi bw'abishingizi.	12° review and approve re-insurance strategy of re-insurer.	12° réviser et approuver la stratégie de réassurance du réassureur.

Ingingo ya 37: Komite ishinzwe ibihembo

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi ishobora gushyiraho komite ishinzwe ibihembo nk'agakomite kihariye k'inama y'ubutegetsi gashinzwe gushyiraho no gusuzuma politiki n'imikorere by'ibihembo bitangwa n'umwishingizi.

Article 37: Remuneration committee

The board of an insurer may establish a remuneration committee as a separate subcommittee of the board to establish and review the insurer's remuneration policies and practices.

Article 37: Comité de rémunération

Le conseil d'administration d'un assureur peut constituer un comité de rémunération en tant que sous-comité distinct du conseil pour établir et examiner les politiques et les pratiques de rémunération de l'assureur.

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

Inshingano z'itsinda rishinzwe ibihembo zishobora kubamo izi zikurikira:

1° gutanga ibyifuzo byerekeye politiki y'ibihembo bitangwa n'umwishingizi, ishyirwaho n'imiterere y'ibihembo, ndetse n'ibyerekeye ibigize ibihembo;

2° gutegura raporo cyangwa andi makuru ku bikorwa mu rwego rwo gutanga ibihembo;

3° gutanga ibyifuzo-nama birebana n'ibihembo bigenerwa abagize inama y'ubutegetsi, umuyobozi mukuru, abakozi bakuru n'abantu b'ingenzi mu mirimo y'igenzura;

4° kureba ko uburyo bukoreshwa mu gutanga ibihembo bujyana n'urwego rw'imicungire y'ibyateza ingorane z'umwishingizi.

Itsinda rishinzwe ibihembo rigomba guhura igihe cyose bikenewe, ariko bitarengeje umwaka, kugira ngo risuzume imikorere ya politiki y'imihembere no kugira ngo ibikorwa n'umwishingizi mu rwego rwo gutanga ibihembo byubahirize politiki ndetse n'urwego rw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo.

Ingingo ya 38: Komite ishinzwe guhitamo abakozi

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi ishishikarizwa gushyiraho komite yihariye ishinzwe guhitamo abakozi kugira ngo ifashe abanyamigabane

The responsibilities of the remuneration committee may include:

1° proposing a remuneration policy for the insurer, including remuneration governance and structure, and components of compensation;

2° preparing a report or other disclosure on compensation practices;

3° making recommendations regarding the specific remuneration of board members, the chief executive officer, senior management and key persons in control functions;

4° ensuring that the remuneration approach is consistent with the risk management framework of the insurer.

The remuneration committee meets as frequently as needed, but not less than annually, to review the effectiveness of the remuneration policy and to ensure that remuneration practices within the insurer comply with the policy as well as the risk management framework.

Article 38: Nominations committee

The board of an insurer may establish a separate nomination committee to assist the shareholders and board in nominating and selecting appropriate candidates for board members.

Les responsabilités du comité de rémunération peuvent comprendre les suivantes:

1° proposer une politique de rémunération pour l'assureur, y compris la gouvernance et la structure de la rémunération, et les composantes de la rémunération;

2° préparer un rapport ou un autre moyen de publier les pratiques de rémunération;

3° formuler des recommandations concernant la rémunération spécifique des membres du conseil, du directeur général, de la haute direction et des personnes clés dans les fonctions de contrôle;

4° veiller à ce que l'approche de la rémunération soit compatible avec le cadre de gestion des risques de l'assureur

Le comité de rémunération doit se réunir aussi souvent que nécessaire, mais pas moins d'une fois par an, pour examiner l'efficacité de la politique de rémunération et s'assurer que les pratiques de rémunération au sein de l'assureur sont conformes à la politique ainsi qu'au cadre de gestion des risques.

Article 38: Comité des nominations

Le conseil d'administration d'un assureur peut créer un comité des nominations distinct pour aider les actionnaires et le conseil d'administration à

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

n'inama y'ubutegetsi guhitamo no gucagura abakandida bakwiye kujya mu nama y'ubutegetsi.

nommer et à sélectionner les candidats appropriés pour être membres du conseil.

Inshingano z'itsinda rishinzwe guhitamo abakozi zishobora kubamo izi zikurikira:

The responsibilities of the nominations committee may include the following:

Les responsabilités du comité de nominations peuvent comprendre les suivantes:

1° gushyira mu bikorwa politiki y'inama y'ubutegetsi ku kongera igihe cy'inama y'ubutegetsi kugira ngo igire igipimo by'ubushobozi ndetse n'uburambe bikwiye kandi inagire igipimo cy'ubwisanzure gikwiye;

1° implementing the board's policy on board renewal to ensure that the board maintains appropriate levels of skills and experience as well as maintaining an appropriate level of independence;

1° mettre en œuvre la politique du conseil d'administration concernant son renouvellement afin de s'assurer que le conseil d'administration conserve les niveaux appropriés d'habileté et d'expérience ainsi que le maintien d'un niveau approprié d'indépendance;

2° guha ibyifuzo-nama abanyamigabane n'inama y'ubutegetsi ku birebana no guhitamo abashyirwa mu myanya cyangwa kongerera igihe abagize inama y'ubutegetsi;

2° making recommendations to the shareholders and board regarding the nomination for appointment or reappointment of board members;

2° faire des recommandations aux actionnaires et au conseil d'administration concernant la nomination ou le renouvellement de mandat des membres du conseil d'administration;

3° guha inama y'ubutegetsi ibyifuzo-nama byerekeye iyirukanwa cyangwa ikiruhuko cy'izabukuru ku bari mu nama y'ubutegetsi no ku bakozi bakuru;

3° making recommendations to the board for dismissal and retirement of members of the board and senior management;

3° faire des recommandations au conseil concernant le renvoi et le départ à la retraite des membres du conseil et de la haute direction;

4° guha ibyifuzo-nama inama y'ubutegetsi ku byerekeye guteganya isimbura ry'abakozi bakuru;

4° making recommendations to the board regarding succession planning for senior management;

4° faire des recommandations au conseil concernant la planification de la relève pour la haute direction;

5° guha ibyifuzo-nama inama y'ubutegetsi ku kugena abagize komite z'inama y'ubutegetsi;

5° making recommendations to the board for the nomination of members for board committees;

5° faire des recommandations au conseil pour la nomination des membres des comités du conseil;

6° gukora ku buryo abagize inama y'ubutegetsi bahabwa amahugurwa ahoraho kugira ngo bashobore gukora umurimo wabo no kuzuba inshingano zabo neza.

6° ensuring that all directors receive appropriate ongoing training to enable them to fulfill their role and discharge their duties effectively.

6° veiller à ce que tous les administrateurs reçoivent une formation continue appropriée leur permettant de remplir leur rôle et de s'acquitter efficacement de leurs fonctions.

Itsinda rishinzwe guhitamo abakozi rigomba guhura kenshi igihe ari ngombwa, ariko bidaciye munsu ya rimwe mu umwaka, kugira ngo rikore umurimo waryo.

Ingingo ya 39: Komite ishinzwe imyitwarire ikwiye n'iyubahirizwa ry'amategeko

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi ishobora gushyiraho komite yihariye ishinzwe imyitwarire ikwiye n'iyubahirizwa ry'amategeko rifite inshingano zikurikira:

1° kukurikirana umurimo w'umwishingizi w'iyubahirizwa ry'amategeko n'ibyateza ingorane z'umwishingizi harimo n'amategeko ngengamyitwarire y'umwishingizi;

2° kugenzura ko amategeko n'amabwiriza byo hanze ndetse na politiki zo mu kigo byubahirizwa;

3° kwakira rapozo z'abakora umurimo w'iyubahirizwa ry'amategeko ku byerekeye uko ibikorwa by'umwishingizi byubahiriza amategeko, ndetse na raporo ku ntege nte zagaragaye ku kutubahiriza amategeko n'amabwiriza ndetse n'ibikorwa byakozwe mu rwego rwo kubikosora;

4° gukurikirana ibibazo byerekeye uburyo umwishingizi akoresha ku byerekeye kwemerera abakozi gutanga mu buryo bw'ibanga amakuru yerekeye kubahiriza cyangwa kutubahiriza amategeko;

The nominations committee shall meet as frequently as necessary to fulfill its role, but not less than annually.

Article 39: Ethics and compliance committee

The board of an insurer may establish a separate committee on ethics and compliance, with the following responsibilities:

1° monitoring the insurer's compliance function and the insurer's risk profile, including the insurer's code of ethics or conduct;

2° ensuring compliance with external laws and regulations as well as internal policies;

3° receiving reports from the compliance function related to the insurer's compliance activities, as well as reports on identified weaknesses or violations and remedial actions undertaken;

4° Monitoring issues related to the insurer's mechanisms for allowing confidential reporting by employees of compliance concerns or violations;

Le comité des nominations doit se réunir aussi souvent que nécessaire pour remplir son rôle, mais pas moins d'une fois par an.

Article 39: Comité d'éthique et de conformité

Le conseil d'un assureur est encouragé à créer un comité distinct sur l'éthique et la conformité, avec les responsabilités suivantes:

1° faire le suivi de la fonction de conformité et du profil de risque de l'assureur, y compris le code d'éthique ou de conduite de l'assureur;

2° assurer le respect des lois et règlements externes ainsi que des politiques internes;

3° recevoir les rapports de la fonction de conformité liés aux activités de conformité de l'assureur, ainsi que les rapports sur les faiblesses ou les violations identifiées et les mesures correctives prises;

4° faire le suivi des questions liées aux mécanismes de l'assureur permettant aux employés de signaler de façon confidentielle les problèmes de violations ou de conformité;

5° kugira inama inama y'ubutegetsi ku byiza byo gukurikiza amategeko mu gukora umurimo w'ubwishingizi, no gufasha abakozi bakuru gushimangira imyitwarire myiza n'iyubahirizwa ry'amategeko;

6° Kwemeza gahunda na politiki by'iyubahirizwa ry'amategeko no gusuzuma umusaruro zitanga ku buryo buhoraho.

UMUTWE WA V: INSHINGANO Z'INAMA Y'UBUTEGETSI N' ABAYOBOZI BAKURU BY' UMWISHINGIZI WIGENGA

Icyiciro cya mbere: Inshingano z'inama y'ubutegetsi ku mwishingizi wigena

Ingingo ya 40: Imiyoborere y'ikigo

Inama y'ubutegetsi igombagushyiraho amahame y'imiyoborere y'ikigo agenga umwishingizi.

Inama y'ubutegetsi ikurikirana uko ikigo gisuzuma amahame yacyo y'imiyoborere, uburyo bukoreshwa n'umusaruro w'imiyoborere y'ikigo ku buryo buhoraho, ikavugurura amahame yacyo igihe ari ngombwa.

Inama y'ubutegetsi ishobora kandi kwemera ko abantu bo hanze basuzuma imiterere n'ibikorwa mu rwego rw'imiyoborere y'ikigo.

5° Advising the board on the effect of compliance activities on the insurer's conduct of business, and supporting the senior management to emphasize the importance of ethics and compliance;

6° Approving compliance programmes and policies and reviewing their effectiveness on a regular basis.

CHAPTER V: SPECIFIC RESPONSIBILITIES OF THE BOARD AND SENIOR MANAGEMENT OF A PRIVATE INSURER

Section one: Specific responsibilities of the board of a private insurer

Article 40: Corporate governance

The board shall establish specific corporate governance principles for the insurer.

The board oversees internal reviews of corporate governance principles, processes and outcomes on a regular basis, revising its principles as necessary.

The board may also authorise external reviews of its corporate governance structure and practices.

5° conseiller le conseil concernant l'effet des activités de conformité sur la conduite des affaires de l'assureur et appuyer la haute direction pour souligner l'importance de l'éthique et de la conformité;

6° Approuver les programmes et politiques de conformité et revoir régulièrement leur efficacité.

CHAPITRE V: RESPONSABILITES SPECIFIQUES DU CONSEIL D'ADMINISTRATION ET DE LA HAUTE DIRECTION D'UN ASSUREUR PRIVÉ

Section première: Responsabilités spécifiques du conseil d'administration d'un assureur privé

Article 40: Gouvernance d'entreprise

Le conseil doit établir des principes spécifiques de gouvernance d'entreprise pour l'assureur.

Le conseil supervise régulièrement les examens internes des principes, des processus et des résultats de la gouvernance d'entreprise, en révisant ses principes au besoin.

Le conseil peut également autoriser des examens externes de sa structure et de ses pratiques en matière de gouvernance d'entreprise.

Ingingo ya 41: Ingamba na politiki

Inama y'ubutegetsi igomba kwemeza mu uburyo butajenjetse uburyo bwo gushyiraho no kwemeza ishyingirwa mu bikorwa ry'intego rusange z'umwishingizi, ingamba na politiki by'ibikorwa.

Ingamba na politiki bigomba kwita ku kudahungabana kw'imari mu gihe kirekire, no kuba umwishingizi ahagaze neza, inyungu z'abafatanyabikorwa, ndetse no gufata neza abakiriya.

Intego z'ibikorwa, ingamba na politiki byanditse bigomba kwemezwa n'inama y'ubutegetsi mbere yo gushyirwa mu bikorwa kandi bigomba kongera gusuzumwa nibura buri mwaka.

Inama y'ubutegetsi ishobora gukora amasuzuma yerekeye ibyateza ingorane zerekeye ingamba cyanga kumenyekanisha ibikorwa, cyangwa ibikorwa byo hanze y'ikigo bishobora kugira ingaruka nini ku mwishingizi.

Ibintu by'ingenzi bisuzumwa mu gutegura intego n'ingamba by'ibikorwa byihariye ni ibi bikurikira:

1° icyerekezo gihamye n'imiterere y'isoko;

2° ibyifuzwa gushoramwo imari n'ibyashowemo imari;

Article 41: Strategies and policies

The board shall adopt a rigorous process for setting and approving the implementation of the insurer's overall objectives, business strategies and policies.

Strategies and policies take into account the long-term financial stability and soundness of the insurer, the interests of stakeholders, and fair treatment of customers.

Business objectives, strategies and written policies must be approved by the board prior to implementation and must be reviewed at least annually.

The board may conduct more frequent reviews if necessary, with respect to product portfolio, risk strategy or marketing, or in the event of external events that may have a material impact on the insurer.

Key areas to be addressed in the development of appropriate business objectives and strategies include:

1° strategic direction and market position;

2° risk appetite and risk profile;

Article 41: Stratégies et politiques

Le conseil doit adopter un processus rigoureux pour fixer et approuver la mise en œuvre des objectifs généraux, des stratégies commerciales et des politiques de l'assureur.

Les stratégies et les politiques tiennent compte de la stabilité financière à long terme et de la solidité de l'assureur, des intérêts des partenaires et du traitement équitable des clients.

Les objectifs d'entreprise, les stratégies et les politiques écrites doivent être approuvés par le conseil avant l'exécution et ils doivent être examinés au moins une fois par an.

Le conseil peut, le cas échéant, effectuer des examens plus fréquents concernant le portefeuille de produits, la stratégie de risque ou le marketing ou en cas d'événements externes susceptibles d'avoir un impact important sur l'assureur.

Les principaux domaines à considérer dans l'élaboration d'objectifs et de stratégies d'affaires appropriés sont les suivants:

1° orientation stratégique et situation sur le marché;

2° goût du risque et profil de risque;

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

3° guhitamo imirongo y'ubwishingizi na serivisi zatangwa;	3° choice of insurance lines and products pricing;	3° choix de lignes et de produits d'assurance;
4° kugena ibiciro, gutanga ubwishingizi no kwishingira abishingizi;	4° pricing, underwriting and reinsurance;	4° tarification, souscription et réassurance;
5° kwishyira hamwe kw'ibigo, kugura ikigo no gukora ihuriro rifite intego;	5° mergers, acquisitions and strategic alliances;	5° fusions, acquisitions et alliances stratégiques;
6° imiterere y'ikigo;	6° corporate structure;	6° structure d'entreprise;
7° ingengo y'imari y'umwaka n'ingamba zo kubona imari;	7° annual budget and financing strategies;	7° budget annuel et stratégies de financement;
8° imirimo ikorwa n'abo hanze y'ikigo;	8° outsourcing;	8° sous-traitance;
9° politiki yo kugena ibihembo ku mirimo ikorwa.	9° remuneration policies.	9° politiques de rémunération.

Ingingo ya 42: Ingamba na politiki byerekeye ibisabwa n'imari bwite n'ubushobozi bwo kwishyura

Inama y'ubutegetsi igomba gushyiraho ingamba na politiki by'umwishingizi ku birebana n'igipimo cy'umari bwite n'ibikenewe muri rusange birebana n'ubushobozi bwo kwishyura.

Inama y'ubutegetsi ifite kandi inshingano yo gukora ku buryo umwishingizi agira igipimo gikwiye cy'umari bwite kandi akubahiriza igihe cyose nibura ibisabwa n'ubushobozi bwo kwishyura bisabwa n'amategeko n'amabwiriza.

Article 42: Strategy and policy in respect of capital and solvency requirements

The board must set the strategy and policy of the insurer with respect to its level of capital and overall solvency needs.

The board also has the responsibility of ensuring that the insurer maintains an adequate level of capital and meets the minimum solvency requirements required by law and regulations at all times.

Article 42: Stratégie et politique relatives aux exigences en matière de capital et de solvabilité

Le conseil doit fixer la stratégie et la politique de l'assureur concernant son niveau de capital et ses besoins globaux de solvabilité.

Le conseil a également la responsabilité de veiller à ce que l'assureur maintienne un niveau de capital adéquat et respecte en tout temps les exigences minimales de solvabilité requises par la loi et les règlements.

Inama y'ubutegetsi ifite inshingano zo kumenyesha abanyamigabane imari bwite y'umwishingizi ikwiye n'igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura no kubagira inama ku buryo bukwiye bwo kongera ibipimo by'imari shingiro igihe bikwiye.

Iyo ari ikigo cy'ubwisungane mu bwishingizi cyangwa ubwishingizi magirirane, inama y'ubutegetsi ifite inshingano yo gusuzuma ko ari ngombwa kongera imari shingiro ikanagenzura ko hari umusaruro wava ku kongera imari shingiro. Imari shingiro ishobora kongerwa n'abafashe ubwishingizi cyangwa abanyamuryango.

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo imari bwite y'abantu ku giti cyabo bafashe ubwishingizi cyangwa abanyamuryano igenzurwa kandi ikabikwa neza.

Ingingo ya 43: Politiki n'uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo umwishingizi agira politiki n'uburyo bwo gucunga ibyateza ingorane ikigo byuzuye bishobora kugaragaza, gupima, gusuzuma, gutanga raporo no kugenzura ibyateza ingorane zerekeye n'iziterekeye imari ku buryo bwihuse.

Politiki n'uburyo bwo gucunga ibyateza ingorane ikigo byibanda ku ngorane zerekeye ibice by'ingenzi bikurikira: Gushyiraho ibiciro no gutanga ubwishingizi, kwishingira abishingizi, igurisha no kubikwirakwiza ibicuruzwa, kugena

The board has a duty to inform the shareholders of the insurer's capital adequacy and margin of solvency and to advise them on the appropriate manner of increasing capital levels when necessary.

In the case of a mutual insurer, the board has the responsibility of assessing the need for any additional capital requirements and to oversee any resulting call for capital. The capital may be raised from the policyholders or members.

The board must ensure that the equity of individual policyholders or members is monitored and maintained on a fair basis.

Article 43: Risk management policies and systems

The board must ensure that the insurer has in place a comprehensive set of risk management policies and systems capable of promptly identifying, measuring, assessing, reporting and controlling their financial and non-financial risks.

Risk management policies and systems shall address risks in key areas including: pricing and underwriting, reinsurance, sales and distribution, valuation of technical provisions, credit default, investments, liquidity, legal risks, operational risks

Le conseil a le devoir d'informer les actionnaires de l'adéquation du capital et de la marge de solvabilité de l'assureur et de les conseiller sur la manière appropriée d'augmenter les niveaux de capital si nécessaire.

Dans le cas d'un assureur mutuel, le conseil a la responsabilité d'évaluer le besoin de toute exigence de capital supplémentaire et de superviser tout besoin de capital en résultant. Le capital peut être collecté auprès des assurés ou des membres.

Le conseil doit veiller à ce que les capitaux propres des assurés ou des participants individuels soient suivis et maintenus équitablement.

Article 43: Politiques et systèmes de gestion des risques

Le conseil doit s'assurer que l'assureur a mis en place un ensemble complet de politiques et de systèmes de gestion des risques capables d'identifier, de mesurer, d'évaluer, de déclarer et de contrôler rapidement ses risques financiers et non financiers.

Les politiques et les systèmes de gestion des risques traitent les risques dans des domaines clés tels que la tarification et la souscription, la réassurance, les ventes et la distribution, l'évaluation des provisions techniques, le manque

agaciro k'amafaranga y'ingoboka, ibura ry'inguzanyo, ishoramari, amafaranga abarika, ibyateza ingorane zijyanye n'amategeko, ibyateza ingorane zerekeye imikorere, n'ibyateza ingorane zaturuka ku iyezandonke no gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba.

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo umwishingizi agira uburyo bwiza bwo kwigenzura, akanatanga inshingano zumvikana neza mu kigo zerekeye gutegura, gushyira mu bikorwa no gukurikirana uburyo ikigo gikoresha mu kwigenzura.

Inama y'ubutegetsi igomba no kugena imirimo y'igenzura igomba gutanga raporo ku nama y'ubutegetsi cyangwa Kuri komite iyo ari yo yose y'inama y'ubutegetsi hashingiwe ku buryo ikigo gikoresha mu kwigenzura.

Politiki y'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo n'uburyo bw'igenzura bigomba kujyana n'urusobe, ingano ndetse n'imiterere y'ibikorwa by'umwishingizi.

Impinduka iyo ari yo yose ya politiki n'uburyo umwishingizi akoresha bigomba gushyikirizwa Banki Nkuru kugira ngo ibisuzume mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uherye igihe impinduka yabereye.

Ingingo ya 44: Imitangire ya raporo z'imari

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo umwishingizi ashiraho uburyo bwizewe

and risks arising from money laundering and financing of terrorism.

The Board must ensure that the insurer has in place an effective system of internal controls, and a clear allocation of responsibilities within the insurer to design, implement and monitor the internal control system.

The board shall also determine the control functions that shall report to the board or any board committee in respect of the internal controls system.

Risk management policies and internal control systems shall be appropriate to the complexity, size and nature of the insurer's business.

Any change in the policies and systems of an insurer shall be submitted to the Central Bank for review within seven (7) days from the date of change.

Article 44: Financial reporting

The board shall ensure that the insurer establishes a reliable financial reporting process for both

de crédit, les investissements, la liquidité, les risques juridiques, les risques opérationnels et les risques liés au blanchiment de capitaux et au financement du terrorisme.

Le Conseil doit s'assurer que l'assureur dispose un système efficace de contrôles internes et d'une répartition claire des responsabilités au sein de l'assureur pour concevoir, mettre en œuvre et faire le suivi du système de contrôle interne.

Le conseil doit également déterminer les fonctions de contrôle qui doivent faire rapport au conseil ou à un comité du conseil conformément au système de contrôle interne.

Les politiques de gestion des risques et les systèmes de contrôle interne doivent être adaptés à la complexité, à la taille et à la nature de l'activité de l'assureur.

Toute modification des politiques et des systèmes d'un assureur doit être soumise à la Banque Centrale pour examen dans un délai de sept (7) jours suivant la date du changement.

Article 44: Rapports financiers

Le conseil doit veiller à ce que l'assureur établisse un processus d'élaboration de rapports financiers

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

bw'imitangire ya raporo z'imari haba izishyikirizwa Leta cyangwa inzego zishinzwe igenzura, ubwo buryo kandi bugashimangirwa n'imirimu ndetse n'inshingano bisobanutse neza by'inama y'ubutegetsi, abayobozi bakuru ndetse n'umugenzuzi wigenga.

Inama y'ubutegetsi igomba gukora imirimu y'ikurikiranabikorwa kugira ngo umwishingizi ashyireho uburyo bw'imikorere n'amagenzura bikwiye ku buryo raporo z'imari zigaragaza ishusho nyayo y'ibikorwa by'umwishingizi ndetse n'imiterere y'imari.

Iyo mirimo yihariye y'ikurikiranabikorwa muri rusange ishingwa komite ngenzuzi.

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo habaho uburyo bwo gutanga raporo mu kigo kandi ikabusuzuma ku buryo buhoraho.

Gufata ibyemezo bikwiye kw'inama y'ubutegetsi guterwa n'uko iba yabonye amakuru afite ireme kandi ku gihe binyuze mu buryo bwizewe kandi bwuzuye ikigo gikoresha mu gutanga raporo.

Uburyo ikigo gikoresha mu gutanga raporo bugomba kuba burimo amakuru yerekeye ibyateza ingorane zugarije umwishingizi, harimo ibyateza ingorane ku rwego rw'itsinda no ku rwego rw'ikigo cyakibyaye ndetse n'ibyateza ingorane zagutse zerekeye imikorere.

public and supervisory processes that is supported by clearly defined roles and responsibilities of the board, senior management and the external auditor.

The board shall carry out specific oversight functions to ensure that the insurer establishes adequate systems and controls so that financial reports present a balanced and accurate report of the insurer's business and financial condition.

These specific oversight functions are generally the responsibility of the audit committee.

The board must ensure that an effective internal reporting system is in place and regularly evaluate it.

Effective decision-making by the board depends on receiving quality and timely information through a reliable and comprehensive internal reporting system.

Internal reporting systems shall include information on all risks to which the insurer is exposed, including risks at the group or parent company level and wider systemic risks.

fiable destiné au public et à la supervision, qui est appuyé par des rôles et des responsabilités clairement définis du conseil, de la haute direction et de l'auditeur externe.

Le conseil doit exercer des fonctions de contrôle précises pour s'assurer que l'assureur établit des systèmes et des contrôles adéquats afin que les rapports financiers présentent un rapport équilibré et adéquat de la situation financière

Ces fonctions de contrôle spécifiques relèvent généralement du comité d'audit.

Le conseil doit veiller à mettre en place un système interne efficace de transmission de rapports et à l'évaluer régulièrement.

La prise de décisions efficaces par le conseil dépend de la réception d'informations de qualité et en temps opportun grâce à un système de rapports internes fiable et complet.

Les systèmes internes de transmission de rapports doivent inclure des informations sur tous les risques auxquels l'assureur est exposé, y compris les risques au niveau du groupe ou de la société mère et les risques systémiques plus larges.

Icyiciro cya 2: Inshingano zihariye z'ubuyobozi bw'umwishingizi wigenga

Ingingo ya 45: Inshingano z'ingenzi z'umuyobozi mukuru

Umuyobozi mukuru ni we aha raporo inama y'ubutegetsi, akaba ari na we ugomba guha ibisobanuro inama y'ubutegetsi ku bikorwa bya buri muni by'umwishingizi.

Umuyobozi mukuru agomba kugaragaza no gusaba abakozi bakuru babishoboye b'inama y'ubutegetsi kuyobora ibikorwa by'umwishingizi.

Mu kuzuza inshingano ze, umuyobozi mukuru agomba gukora ku buryo habaho uburyo busobanutse kandi buciye mu mucyo bwo guha akazi abantu bafite ubumenyi busabwa kandi b'inyangamugayo, bugashyirwa mu bikorwa kandi bugakurikizwa.

Inshingano z'ingenzi z'umuyobozi mukuru hamwe n'abakozi bakuru ubusanze ni izi zikurikira:

1° kugenzura ko politiki zashyizweho zikanemezwa n'inama y'ubutegetsi ku ngamba rusange z'umwishingizi zishyirwa mu bikorwa;

2° guhuza ibikorwa by'amashami atandukanye by'umwishingizi, harimo imirongo isobanutse yo guhanahana amakuru hagati y'abakozi bakuru n'abantu b'ingenzi bakora imirimo y'ubugenzuzi;

Section 2: Specific responsibilities of the management of a private insurer

Article 45: Major duties and responsibilities of Managing Director/Chief Executive Officer

Chief Executive Officer or Managing Director is accountable to the board for the day-to-day running of the insurer.

Chief executive officer shall identify and recommend to the board competent senior officers to manage the operations of the insurer.

In the fulfillment of this duty, the Chief Executive shall ensure that a clear and transparent process for engaging persons with appropriate competencies and integrity is implemented and followed.

The major responsibilities of the chief executive officer/managing director, along with senior management, are as follows:

1° ensure that the policies established and approved by the board in the insurer's overall corporate strategy are implemented;

2° co-ordinate the operations of the various departments within the insurer, including clear lines of communication between senior management and key persons in control functions;

Section 2: Responsabilités spécifiques de la direction d'un assureur privé

Article 45: Tâches et responsabilités principales du Directeur Général

Le Directeur Général est responsable de la gestion quotidienne de l'assureur devant le Conseil d'administration.

Le directeur general doit identifier et recommander au conseil d'administration des cadres dirigeant compétents de gérer les activités de l'assureur.

Dans l'accomplissement de ce devoir, le directeur general doit veiller à ce qu'un processus clair et transparent pour engager des personnes possédant les compétences et l'intégrité appropriées soit mis en œuvre et suivi

Les principales responsabilités du directeur general, ainsi que de la haute direction, sont normalement les suivantes:

1° veiller à ce que les politiques établies et approuvées par le conseil dans la stratégie globale de l'assureur soient mises en œuvre;

2° coordonner les activités des différents départements au sein de l'assureur, y compris des lignes de communication claires entre la haute direction et les personnes clés dans les fonctions de contrôle;

3° gushyiraho no kubungabunga uburyo bw'igenzura bwiza kandi bukwiye, nta kwivanga mu nshingano zitabareba zifitwe n'abakora imirimo y'igenzura;

4° gushyiraho no kubahiriza ibipimo ngenderwaho byo gukora imirimo ndetse n'amategeko ngenga myitwarire ku bayobozi bakuru n'abandi bakozi mu rwego rwo guteza imbere umuco wo gucunga ibyateza ingorane ikigo no kubahiriza amategeko;

5° gutegura no gushyira mu bikorwa uburyo bukenewe bw'imicungire y'amakuru kugira ngo umwishingizi agire uburyo bwiza kandi butanga umusaruro bwo guhanahana amakuru, no mu rwego rwo kubahiriza ibisabwa byose mu gutanga raporo ku bafatanyabikorwa no kuri Banki Nkuru.

Ingingo ya 46: Iyemerwa risabwa na Banki Nkuru

Umuyobozi mukuru agomba kwemezwa na Banki Nkuru mbere yo kujya muri uwo mwanya w'umurimo. Ikigo kigeza kuri Banki Nkuru inyandiko bwite y'imenyekanisha yujujwe neza nk'uko biteganijwe mu mabwiriza y'iyemererwa

Mu gihe ugize inama y'ubutegetsi ahawe uruhushya na Banki Nkuru ashyizweho nk'umuyobozi mukuru, iyemerwa ryihariye ry'iryo shyirwaho rigomba kubanza kuboneka mbere yo gutangira akazi kuri uwo mwanya.

3° establish and maintain efficient and adequate internal control systems, without interfering in the rightful exercise of the independent responsibilities of those in control functions;

4° establish and implement standards of business conduct and code of ethics for senior management and other employees to promote a culture of risk management and compliance;

5° design and implement the necessary management information systems in order to facilitate efficient and effective communication within the insurer, and to comply with all reporting requirements to external stakeholders and the Central Bank.

Article 46: Required approval from the Central Bank

The chief executive officer/managing director shall be approved by the Central Bank prior to taking up his or her position. The institution shall submit to the Central Bank duly completed Personal Declaration form as prescribed in the licensing regulations.

Where a board member who has been cleared by the Central Bank is subsequently appointed as the managing director/chief executive officer, specific approval of the appointment shall be obtained prior to the person taking up the position.

3° établir et maintenir des systèmes de contrôle interne adéquates et efficaces; sans s'ingérer dans l'exercice légitime des responsabilités indépendantes de ceux qui exercent des fonctions de contrôle;

4° établir et mettre en œuvre des normes de conduite commerciale et un code d'éthique pour la haute direction et les autres employés afin de promouvoir une culture de la gestion des risques et de la conformité;

5° concevoir et mettre en œuvre les systèmes de gestion de l'information nécessaires en vue de faciliter la communication efficace et effective au sein de l'assureur et de se conformer à toutes les exigences en matière de rapports envers les partenaires externes et la Banque Centrale.

Article 46: Approbation requise de la Banque Centrale

Le Directeur Général doit être approuvé par la Banque Centrale avant d'occuper son poste. L'institution doit soumettre à la Banque Centrale les formulaires de déclaration personnelle dûment complétés tel que prescrit dans le règlement sur l'agrément.

Lorsqu'un membre du conseil qui a été autorisé par la Banque Centrale est ensuite nommé directeur général, l'approbation spécifique de la nomination doit être obtenue avant la prise de fonction.

Banki Nkuru ishobora kwemera ugushyirwaho ariko igumna aububasha bwo kuba yakuraho umuyobozi mukuru uwo ari we wese niba nyuma hagaragaye amakuru avuguruza ayatanzwe, cyangwa iyo akoze ibinyuranyije n'ibyo asabwa cyangwa ntiyubahirize ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza byubahirizwa, cyangwa agakora ibibangamiye inyungu z'abafashe ubwishingizi cyangwa rubanda.

Ingingo ya 47: Inshingano z'inama y'ubutegetsi zo kumenyekanisha isezerariyirukanwariy'Umuyobozi Mukuru

Inama y'Ubutegetsi igomba kumenyesha Banki Nkuru isezerariyirukanwariy'umuyobozi mukuru w'umwishingiyi mu gihe cy'iminsi irindwi.

Ingingo ya 48: Imirimo y'ingenzi n'inshingano z'ubuyobozi

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi igomba gukora ku buryo habaho politiki n' ibikurikizwa bigenga imirimo n'inshingano by'abakozi bakuru.

Abakozi bakuru bagomba gukora ku buryo inama y'ubutegetsi imenya kenshi kandi neza ibikorwa by'umwishingizi, binyuze mu gushyikiriza inama y'ubutegetsi impapuro zabugenewe, zigomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:

Approval of the appointment may be granted by the Central Bank with the understanding that the Central Bank may later disqualify any chief executive officer/managing director if adverse information is later revealed, or if he/she acts in any manner contrary to or not in compliance with the requirements of the applicable laws and regulations, or in any manner detrimental to or not in the best interest of the policyholders and the public.

Article 47: Responsibility of the board to notify resignation, removal of Chief Executive Officer/Managing Director

The board shall report to the Central Bank the resignation or removal of the chief executive officer/managing of the insurer within seven (7) days.

Article 48: Major duties and responsibilities of Management

The board of the insurer must ensure that appropriate policies and procedures are in place to govern the roles and responsibilities of senior management.

Senior management shall ensure that the board is frequently and adequately apprised about the operations of the insurer through presentation of relevant board papers, which shall cover, at minimum, the following areas:

La nomination peut être approuvée par la Banque Centrale, sous-réserve que la Banque Centrale peut disqualifier ultérieurement tout directeur general si une information défavorable est révélée plus tard ou s'il agit d'une manière contraire ou non conforme aux exigences des lois et règlements applicables, ou d'une manière préjudiciable aux intérêts des assurés ou du public ou s'il n'agit pas dans l'intérêt supérieur de ceux-ci.

Article 47: Obligations du conseil de communiquer démission ou révocation du Directeur Général

Le conseil d'administration doit faire rapport à la Banque Centrale endéans sept (7) jours sur la démission et ou la révocation du Directeur Général.

Article 48: fonctions et responsabilités principales de la Direction

Le conseil de l'assureur doit s'assurer que les politiques et les procédures appropriées sont en place pour régir les rôles et les responsabilités de la haute direction.

La haute direction doit s'assurer que le conseil soit fréquemment et adéquatement informé des opérations de l'assureur par la présentation des documents pertinents du conseil, qui doivent couvrir au minimum les domaines suivants:

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

1° ibyagezweho ubu ugereranyije n'iby'ubushize n'ingengo y'imari iherekejwe n'ibisobanuro by'imihindagurikire yose;	1° actual performance compared with the past performance and the budget together with explanations of any material variances;	1° Rendement réel par rapport au rendement et au budget passés, ainsi que les explications des écarts importants;
2° imari-shingiro ikwiye n'igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura;	2° capital adequacy and margin of solvency;	2° adéquation du capital et marge de solvabilité;
3° ibyagezweho ku byerekeye ishoramari n'ishoramari;	3° performance of the investment portfolio;	3° performance du portefeuille d'investissements;
4° amafaranga yinjiye n'ayasohotse;	4° income and expenses;	4° revenus et dépenses;
5° impanuka zishyuwe;	5° claims settlements;	5° règlement des sinistres;
6° ibikorwa byose hamwe n'abo bafitanye isano;	6° all transactions with connected persons;	6° toutes les transactions avec des personnes connectées;
7° raporo yerekeye kutubahiriza amategeko n'amabwiriza kimwe n'ingamba zikosora cyangwa zihindura zafashwe kuri ibyo;	7° report on non-compliance with laws and regulations and the corresponding corrective or remedial measures undertaken;	7° rapport sur le non-respect des lois et règlements et des mesures correctives correspondantes prises;
8° ibyashowemo imari bitizewe binini;	8° large risk exposures;	8° expositions aux risques élevées;
9° amafaranga y'ingoboka akwiye harimo n'ibyishyurwa byagenwe mu buryo bw'imibare y'ubwishingizi;	9° adequacy of technical provisions including actuarial liabilities;	9° adéquation des provisions techniques, y compris le passif actuariel;
Toutefois, les employés peuvent servir comme administrateurs des entités sans but lucratif visant les intérêts publics, sous réserve des directives du règlement de l'institution.

Le code de conduite établi par le conseil peut prévoir un examen au niveau du conseil des transactions clés, y compris les transactions intragroupes. Il peut aussi exiger la divulgation publique des conflits d'intérêts déclarés afin de gérer et de contrôler les conflits d'intérêts potentiels.

Article 75: Politique de rémunération

Le conseil doit établir et superviser des politiques de rémunération appropriées pour les administrateurs et la haute direction et les examiner au moins une fois par an.

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ibishoboka byose kugirango politiki n'ibikorwa mu rwego rw'imihembere bijyaye n'imiterere y'ibyo umwishingizi ashaka gushoramwo n'inyungu z'igihe kirekire z'aba ize, iz'abafashe ubwishingizi cyangwa iz'abafatanyabikorwa. Hashobora gushyirwaho komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe imihembere kugira ngo ifashe inama y'ubutegetsi izi nshingano.

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo abantu b'ingenzi bakenewe mu murimo w'ubugenzuzi bagira uruhare mu gushyiraho politiki zijyanye n'imihembere kugira ngo hizerwe ko izo politiki n'imikorere zidatuma habaho impamvu zatera gushora mu bikorwa bidakwiye.

Hashingiwe ku bwoko bw'ibikorwa by'ubwishingizi, uburyo bwo gutanga ibihembo bugomba gutuma ubuyobozi bwemera ibyateza ingorane ku rundi ruhande zijyanye no gutanga ibihembo by'igihe kigufi.

Kuba habaho igongana ry'inyungu ryabangamira ubunyangamugayo bw'abantu b'ingenzi bashinzwe imirimo y'igenzura bigomba kugabanywa. Ingamba zerekeye imihembere n'ubushobozi bw'abakozi bashinzwe imirimo y'ubugenzuzi mbere na mbere bigomba kwibanda ku kugera neza ku ntego zihariye z'iyi mirimo y'ubugenzuzi kandi bidashingiye gusa ku bushobozi bw'amashami y'ibikorwa arebana n'igenzura cyangwa ikurikirana ryayo.

The board must be satisfied that the remuneration policy and practices are consistent with the insurer's statement of risk appetite and the long-term interests of the insurer, policyholders and shareholders. A board committee on remuneration may be established to assist the board with this responsibility.

The board ensure that relevant key persons in control functions are involved in the setting of remuneration policies in order to ensure that such policies and practices do not create incentives for inappropriate risk-taking.

Given the nature of the insurance business, compensation packages shall not encourage management to take unacceptable risks in return for short-term compensation.

The potential for conflicts of interest that may compromise the integrity of key persons in control functions must be minimised. Remuneration and performance measure for staff in control functions shall be primarily based on the effective achievement of objectives appropriate to such control functions and shall not be linked to the performance of any business units which are subject to their control or oversight.

Le conseil doit être convaincu que la politique et les pratiques de rémunération sont conformes à la déclaration de l'assureur concernant le goût du risque et aux intérêts à long terme de l'assureur, des assurés et des actionnaires. Un comité du conseil sur la rémunération peut être créé pour aider le conseil d'administration à assumer cette responsabilité.

Le conseil doit s'assurer que des personnes clés dans les fonctions de contrôle sont impliquées dans l'établissement des politiques de rémunération afin de s'assurer que ces politiques et pratiques ne créent pas d'incitations à prendre des risques inappropriés.

Compte tenu de la nature de l'activité d'assurance, les régimes de rémunération ne doivent pas inciter la direction à prendre des risques inacceptables en contrepartie d'une rémunération à court terme.

Le risque de conflits d'intérêts pouvant compromettre l'intégrité des personnes clés dans les fonctions de contrôle doit être réduit au minimum. La rémunération et la mesure du rendement du personnel affecté aux fonctions de contrôle doivent être principalement fondées sur la réalisation effective des objectifs appropriés à ces fonctions de contrôle et ne doivent pas être liées à la performance des unités d'affaires qui sont soumises à leur contrôle ou surveillance.

Uburyo bw'imihembere butandukanye bugomba kwibanda ku ngorane zihari ubu n'izizaza mu gihe kiri imbere zerekeranye n'ubushobozi, harimo n'ubugororangingo hashize imyaka myinshi kugira ngo bushingire ku ngorane zihariye zabaho mu gihe kiri imbere.

Ingingo zihuriweho z'imihembere inyuranye zigomba gushyirwa mu bikorwa hakorwa ubwigengesere bukwiye kugira ngo uduhimbazamusyi dushingiye ku bushobozi duhuzwe n'inyungu z'igihe kirekire z'umwishingizi.

Amafanga yishyurwa iyo habayeho iseswa ry'amasezerano y'akazi agomba gushingira ku magenzura yihariye n'ibitangaho ku buryo bihuzwa n'imiterere rusange y'imari y'umwishingizi iyo hashize igihe runaka. Ayo mafanga ubusanzwe ntagomba kwishyurwa iyo umwishingizi yahombye cyangwa ashobora guhomba, by'umwihariko ntashobora kwishyurwa umuntu wateje icyo gihombo.

Ingingo ya 76: Gufata neza abafatabwishingizi

Inama y'ubutegetsi igomba kwita ku byo abafashe ubwishingizi bakeneye no ku bibazo byabo mu kuzuza inshingano zayo. Ibi bishobora kubamo ukwita ku nyungu z'abafashe ubwishingizi igihe habayeho guhuza ibigo, guhererekanya ibikorwa, kugabana amafanga y'inyongera, cyangwa igihe ikigo cy'ubwishingizi gisheshwe.

Variable remuneration practices shall give due consideration to the current and future risks associated with performance, and include adjustments over a multi-year period to reflect an appropriate time horizon for the emergence of future risks.

Share-based components of variable remuneration must be implemented with appropriate safeguards to ensure that performance incentives are aligned with the longer-term interests of the insurer.

Discretionary payments on termination of employment must be subject to appropriate controls and limits such that they are aligned with the insurer's overall financial condition over a relevant time horizon. Such payments shall not normally be made in the case of failure or potential failure of the insurer, particularly to an individual whose actions have contributed to the failure.

Article 76: Fair treatment of policyholders

The board shall give due consideration to the needs and concerns of policyholders in the fulfilment of its responsibilities. This may include explicit consideration of policyholder interests in the event of significant mergers, transfers of business, distribution of surplus funds, or insurer wind-up.

Les pratiques de rémunération variable doivent dûment prendre en considération les risques actuels et futurs liés au rendement et inclure des ajustements sur une période pluriannuelle pour refléter un horizon temporel approprié pour l'émergence de risques futurs.

Les composantes de la rémunération variable sur base d'actions doivent être mises en place avec des garde-fous appropriés pour s'assurer que les incitations au rendement sont alignées sur les intérêts à long terme de l'assureur.

Les paiements discrétionnaires suite à la cessation d'emploi doivent être soumis à des contrôles et des limites appropriées de sorte qu'ils soient alignés sur la situation financière globale de l'assureur dans un délai raisonnable. De tels paiements ne doivent normalement pas être effectués en cas de défaillance ou d'échec potentiel de l'assureur, en particulier à un individu dont les actions ont contribué à l'échec.

Article 76: Traitement équitable des assurés

Le conseil doit tenir dûment compte des besoins et des préoccupations des assurés dans l'accomplissement de leurs responsabilités. Cela peut inclure une considération explicite des intérêts des assurés en cas de fusions considérables, de cessions d'entreprises, de distribution de fonds excédentaires ou de liquidation de l'assureur.

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

Inama y'ubutegetsi igomba gushishikariza ubuyobozi bw'umwishingizi gutegura no gushyira mu bikorwa politiki yo gufata neza abakiriya, mu kugurisha no kwishyuzwa, cyangwa ibisabwa bisobanurwa mu mategeko cyangwa amabwiriza.

The board shall also encourage the insurer's management to develop and implement a policy of treating customers fairly, including fair treatment in sales and claims practices, or any requirements specified by law or regulation.

Le conseil doit également encourager la direction de l'assureur à élaborer et à mettre en œuvre une politique de traitement équitable des clients, y compris un traitement équitable en matière de ventes et de pratiques de demande d'indemnisation ou exigences prévues par la loi ou la réglementation.

Imikoraniye n'ibikorwa hagati y'ikigo n'abafashe ubwishingizi bigomba kugirwa ibanga.

Relations and dealings between the institution and its policyholders shall be kept confidential.

Des relations et des transactions entre l'institution et ses assurés doivent être confidentielles

Abari mu nama y'ubutegetsi, n'abakozi bagomba gukora uko bashoboye kugira ngo amakuru n'ibikorwa by'abafatabwishingizi bigirwe ibanga.

Directors, senior officers and staff members must take precautions to protect the confidentiality of policyholder information and transactions.

Les administrateurs, les cadres dirigeants et les membres du personnel doivent prendre des précautions pour protéger la confidentialité des renseignements et des transactions des assurés.

Amakuru yerekeye ibikorwa n'imari by'umufatabwishingizi uwo ari we wese bishobora gukoreshwa cyangwa bikagaragazwa gusa iyo bimaze kwemezwa mu nyandiko n'uwafashe ubwishingizi cyangwa igihe kubitangaza bisabwa n'itegeko.

Business and financial information about any policyholder may be used or made available to third parties only with prior written consent of the policyholder or when disclosure is required by law.

Les informations commerciales et financières concernant un assuré ne peuvent être utilisées ou mises à la disposition de tiers qu'avec le consentement écrit préalable de l'assuré ou lorsque la divulgation est requise par la loi.

Inama y'ubutegetsi y'abishingizi b'igihe kirekire batanga ubwishingizi bubyara inyungu igomba gushyiraho politiki ku nyungu zisaranganywa abanyamuryango kuri serivisi z'ubwishingizi zibyara inyungu ku birebana n'amafaranga yasigaye nyuma yo gukora ibisabwa byose ahabwa abafatabwishingizi b'ubwishingizi bubyara inyungu ndetse n'abafatabwishingizi kugira ngo habeho uburinganire no gukorera mu mucyo hagati y'ibyiciro by'abafashe ubwishingizi bubyara inyungu.

The board of Long-term insurers with participating products shall establish a dividend policy for participating insurance products that cover the allocation of surplus between participating policyholders and shareholders to ensure equity and fairness among various cohorts of participating policyholders.

Le conseil des assureurs à long terme avec les produits participants doit établir une politique de dividende pour les produits d'assurance participants qui couvrent la répartition de l'excédent entre les assurés participants et les actionnaires afin d'assurer l'égalité et l'équité parmi les différentes cohortes des assurés participants.

Iyi politiki igomba kuboneka mu nyandiko kandi igahabwa abashobora gufata cyangwa abafashe ubwishingizi bubyara inyungu na Banki Nkuru kandi igomba kuba irimo ibisabwa ku gitekerezo cy'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho ku bijyanye no kwishyura inyungu zisaranganywa abanyamigabane n'izindi nyungu z'abafashe ubwishingizi bubyara inyungu.

Ingingo ya 77: Gukorera mu mucyo no gutangaza amakuru

Inama y'ubutegetsi igomba gushyiraho uburyo n'amagenzura bikora neza mu rwego rwo guteza imbere itangwa ry'amakuru rikwiye kandi rikozwe ku gihe agenerwa Banki Nkuru n'abandi bafatanyabikorwa b'ingenzi ku birebana n'imiyoborere y'ikigo cy'ubwishingizi.

Politiki n'ingamba by'umwishingizi ku gutangaza amakuru bigomba kubamo amakuru ku ntego z'igihe kirekire z'umwishingizi muri rusange, imiterere y'ubuyobozi, abagize inama y'ubutegetsi n'abagize komite z'inama y'ubutegetsi, uburyo bukoreshwa kugira ngo inama y'ubutegetsi isuzume niba ikora neza, politiki zo gutanga ibihembo, abanyamigabane b'ingenzi n'ibikorwa bifatika umwishingizi akorana n'abantu bo hanze y'ikigo.

Itangazwa ry'ayo makuru rigomba kwita ku bisabwa ku bintu byumvikana byashobora guhungabanya ubucuruzi n'ubuzima bwite cyangwa kugira ibanga.

This policy shall be available in written form to both prospective and current participating policyholders and to the Central Bank and it must incorporate requirements for the opinion of the Appointed Actuary on the payment of dividends and other discretionary benefits to participating policyholders.

Article 77: Transparency and disclosure

The board shall establish effective systems and controls to promote appropriate and timely communication with the Central Bank and other relevant stakeholders regarding the governance of the insurer.

The insurer's communication policies and strategies shall include information on the insurer's overall strategic objectives, governance structures, membership of the board and any board committees, processes in place for the board to assess its effectiveness, remuneration policies, major ownership and material third-party transactions.

Such disclosures may take into consideration reasonable commercial sensitivities and privacy or confidentiality requirements.

Cette politique doit être disponible sous forme écrite à la fois aux assurés participants potentiels et actuels et à la Banque Centrale et doit intégrer les exigences de l'avis de l'actuaire désigné sur le paiement de dividendes et d'autres avantages discrétionnaires accordés aux assurés participants.

Article 77: Transparence et divulgation

Le conseil doit établir des systèmes et des contrôles efficaces pour promouvoir une communication appropriée et en temps opportun avec la Banque Centrale et d'autres partenaires concernées à propos de la gouvernance de l'assureur.

Les politiques et les stratégies de communication de l'assureur doivent inclure des renseignements sur les objectifs stratégiques globaux de l'assureur, les structures de gouvernance, la composition du conseil et des comités du conseil, les processus en place permettant au conseil d'évaluer son efficacité, les politiques de rémunération, la principale propriété et les transactions importantes des tiers.

De telles informations peuvent prendre en compte des sensibilités commerciales raisonnables et des exigences de confidentialité.

Banki Nkuru ishobora gusaba andi makuru n'ibisobanuro birambuye ku birebana n'imiyoborere y'ikigo cy'umwishingizi mu rwego rwo gusuzuma niba yubahiriza aya mabwiriza.

Politiki y'umwishingizi yo gutanga amakuru igomba gutuma umwishingizi atanga ayo makuru mu buryo bwiza kandi ku gihe. Banki Nkuru ishobora gusaba amakuru arebana n'ubucuruzi cyangwa y'ibanga ariko na yo ikayabungabunga uko bikwiye.

Amakuru arebana n'ibihembo agomba kuba ahagije kugira ngo abafatanyabikorwa bamenye neza niba uburyo bwo gutanga ibihembo bukora nk'uko biteganyijwe, no mu rwego rwo gusuzuma ingaruka politiki y'imihembere ifite ku bukungu by'umwishingizi.

Amakuru atangarizwa Banki Nkuru n'abandi bafatanyabikorwa arebana n'imiyoborere y'ikigo cy'umwishingizi agomba gutangwa nibura buri mwaka kandi bigakorwa ku gihe.

UMUTWE WA VIII: IHANAGURABUSEMBWA

Ingingo ya 78: Ihanagurabusembwa

Umuntu wese wirukanywe mu rwego rw'imari na Banki Nkuru, umwishingizi cyangwa n'umuhuza wigenga mu bwishingizi wamukoreshaga kubera gukora ikosa iryo ari ryo ryose mu rwego rw'imari ku buryo aba atacyujuje ibisabwa ashobora

The Central Bank may require additional information and details relating to the corporate governance of the insurer in order to assess compliance with this regulation.

The insurer's communication policies shall enable the insurer to provide such information in a timely and efficient manner. The Central Bank may request information that is commercially sensitive or confidential on the basis that it will safeguard such information appropriately.

Disclosures related to remuneration shall be sufficient to enable stakeholders to ascertain whether the remuneration system operates as intended, and to evaluate the financial impact of the remuneration policy on the insurer's business.

Disclosures to the Central Bank and other stakeholders related to the corporate governance of the insurer shall be made at least annually, and on a timely basis.

CHAPTER VIII: REHABILITATION

Article 78: Rehabilitation

Any person who was dismissed by the Central Bank, employing insurer or insurance intermediary or due to a financial fault/misconduct in a financial sector in a such manner that he/she is no longer fit

La Banque centrale peut exiger des informations supplémentaires et des détails relatifs à la gouvernance d'entreprise de l'assureur afin d'évaluer la conformité au présent règlement.

Les politiques de communication de l'assureur doivent permettre à l'assureur de fournir ces informations en temps opportun et de manière efficace. La Banque Centrale peut demander des informations sensibles ou confidentielles sur le plan commercial à condition qu'elle assure une protection appropriée de ces informations.

Les informations relatives à la rémunération doivent être assez suffisantes pour permettre aux partenaires de vérifier si le système de rémunération fonctionne comme prévu et pour évaluer l'impact financier de la politique de rémunération sur l'entreprise de l'assureur.

Les informations à fournir à la Banque Centrale et aux autres partenaires en rapport avec la gouvernance de l'assureur doivent être fournies au moins une fois par an et en temps opportun.

CHAPITRE VIII: REHABILITATION

Article 78: Réhabilitation

Toute personne qui a été révoqué par la Banque Centrale, un assureur l'employant ou un intermédiaire d'assurance en raison d'une faute / inconduite financière dans un secteur financier d'une manière telle qu'il / elle n'est plus digne peut

guhanagurwa ubusembwa na Banki Nkuru nyuma y'imyaka itanu y' igihano.

Guhangurwa ubusembwa nyuma yo guhanirwa irindi kosa ritari ukwirukanwa bikorwa nyuma y'imyaka itatu (3) cyangwa uherye igihe impamvu ituma aba atujuje ibisabwa imenyekanye.

Uwasubiriye amakosa ashobora gusaba guhanagurwaho ubusembwa nyuma y'imyaka 10 ahawe igihano.

Ingingo ya 79: Gusaba guhanagurwaho ubusembwa

Banki Nkuru ishobora gutanga ihanagurubusembwa iyo, nyuma yo kugisha inama ibigo birebwa ku byerekeye ikosa ryatumye habaho kwirukanwa cyangwa guhabwa ikindi gihano rusanze nta shiti ko usaba yicuza kandi akaba yaragaragaje imyitwarire myiza.

Gusaba guhanagurwaho ubusembwa bishobora gukorwa gusa nyuma y'imyaka itanu usaba ahanwe cyangwa impamvu ituma aba atujuje ibisabwa imenyekanye.

Ingingo ya 80: Ihanagurubusembwa ku bahamijwe ibyaha

Guhanagurwa ubusembwa kw'abhamijwe ibyaha n'urukiko gukorwa hubahirijwe amategeko agenga imiburamishirize y'imanza mpanabyaha.

and proper may be rehabilitated by the Central Bank 5 years after the sanction.

Rehabilitation after punishment for misconduct other than dismissal is done three (3) years after the execution of sanction where applicable or after the cause that makes him/her not fit and proper is known.

A recidivist can only apply for rehabilitation 10 years after the sanction or dismissal.

Article 79: Application for rehabilitation

The Central Bank may grant rehabilitation if, after receiving the opinion of all relevant institutions in regard to misconduct/fault, which resulted into dismissal or into the imposition of another penalty it is satisfied that the concerned applicant has demonstrated remorse and good behavior,

The application for rehabilitation can be filed only 5 years after the applicant executed the punishment and/or after the cause that makes him/her not fit and proper is known.

Article 80: Rehabilitation of a convict

Rehabilitation of persons convicted by criminal courts is done in accordance with the provisions of the code of criminal procedure.

être réhabilitée par la Banque Centrale après cinq ans d'exécution de la pénalité.

La réhabilitation après la punition pour inconduite autre que la révocation se fait trois (3) ans après l'exécution de la peine, le cas échéant, ou après que la cause qui le rend indigne est connue.

Un récidiviste ne peut postuler à la réhabilitation qu'après 10 ans de la sanction.

Article 79: Demande de réhabilitation

La Banque Centrale peut accorder la réhabilitation si après recevoir l'avis des institutions concernées à l'égard des fautes/inconduites qui ont résulté à la révocation ou à l'imposition d'une autre sanction il est convaincu que, le demandeur concerné a fait preuve de remords et de bons comportements.

La demande de réhabilitation ne peut être déposée qu'après 5 ans de d'imposition de la sanction par le demandeur ou après que la cause qui le rend indigne est connue.

Article 80: Réhabilitation d'un condamné

La réhabilitation des personnes condamnées par des tribunaux pénaux se fait conformément aux dispositions du code de la procédure pénale.

Inginggo ya 81: Ibigenderwaho mu guhanagura ubusembwa

Guusaba guhanagurwaho ubusembwa agomba kugaragaza ko:

1° usaba yishyuye indishyi cyangwa yasubuije iby'abandi nku'ko byategetswe n'urukiko;

2° usaba yakomeje kugaragaza imyitwarire myiza mu gihe cy'irangiza-gihano ndetse na nyuma yaho ;

3° usaba yishyuye amafaranga yategetswe kwishyura nk' igihano;

4° usaba yakoze igihano cyo mu rwego rw'ubutegetsi nk'uko byatanze na Banki Nkuru;

5° usaba yagaragaje muri dosiye isaba idosiye igaragaza uburyo yirukanywemo cyangwa yahawemo igihano;

6° ikindi Bank Nkuru yasanga ari ngombwa.

Banki Nkuru ifite uburenganzira bwo gutanga cyangwa kudatanga ihanagurubusembwa.

Gusaba guhanagurwaho ubusembwa bisabwa Guverineri wa Banki Nkuru mu nyandiko.

Article 81: Criteria for rehabilitation

Application for rehabilitation must demonstrate that:

1° the applicant paid damages or restituted any property ordered by the court;

2° the applicant has shown continued good behavior and there is no adverse information during and after the punishment;

3° the applicant paid sums imposed as pecuniary sanction;

4° applicant complied with administrative sanction imposed by the Central Bank;

5° the applicant included in the application file the document under which he/she was dismissed or other penalty was imposed;

6° any other requirement that the Central Bank may deem necessary.

The Central Bank reserves the exclusive rights to grant or to deny rehabilitation.

Application for rehabilitation is addressed to the Governor of the Central Bank in writing.

Article 81: Critères pour réhabilitation

La demande de réadaptation doit démontrer que:

1° le requérant a payé des dommages-intérêts ou a fait restitution des biens comme ordonné par le tribunal;

2° le requérant a montré de bon comportement continu et il n'y a pas d'informations défavorables pendant et après la sanction;

3° le requérant a payé des sommes imposées en tant que sanction pécuniaire;

4° le demandeur s'est conformé à la sanction administrative imposée par la Banque Centrale;

5° le requérant a inclus dans le dossier de la demande les documents en vertu desquels il a été révoqué ou autre sanction sanctionnée infligée;

6° toute autre exigence que la Banque Centrale peut juger nécessaire.

La Banque Centrale se réserve de droit exclusif d'octroi ou de refus de réhabilitation.

La demande de réhabilitation est adressée au Gouverneur de la Bank Centrale par écrit.

Ingingo ya 82: Gusesa ihanagurabusembwa

Ihanagurabusembwa rikuraho igihano kandi kuva ubwo rikavanaho iburaburenganzira ryose.

Icyakora, ihanagurabusembwa riherako rikurwaho iyo uwari wararihawe akoze, mu myaka itatu (3), andi makossa mu rwego rw'imari.

Igihe ihanagurabusembwa rikuweho, risa n'iritigeze ribaho.

UMUTWE WA IX: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA MABWIRIZA

Ingingo ya 83: Ingamba zerekeye ishyirwa mu bikorwa

Banki Nkuru ishobora gufatira ibyemezo ikigo cy'ubwishingizi cyemewe, abagizeinama y'ubutegetsi yacyo cyangwa abayobozi bakuru bacyo batubahiriza aya mabwiriza.

Ingingo ya 84: Manda y'abari mu nama y'ubutegetsi bariho

Abari mu nama y'ubutegetsi bemejwe na Banki Nkuru mbere y'uko aya mabwiriza atangazwa mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda bakomeza gukora imirimo yabo mu gihe kitarenga imyaka itatu uherye igihe aya mabwiriza atangarijwe mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 82: Revocation of rehabilitation

Rehabilitation shall extinguish not only a penalty but also all the deprivation of rights.

However, rehabilitation shall be automatically revoked if, within a period of three (3) years, the person granted rehabilitation commits a financial misconduct in a financial sector.

In case of revocation, rehabilitation shall be as if it had never been granted.

CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 83: Enforcement action

The Central Bank may take action against a licensed institution and its directors or senior officers who fail to comply with this regulation.

Article 84: Terms of office for incumbent directors

Directors approved by the Central Bank before the publication of this regulation in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall maintain their positions in no more than three years after the publication of this Regulation in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 82: Révocation de la réhabilitation

La réhabilitation efface la condamnation et fait cesser pour l'avenir toutes les incapacités qui en résultent.

Toutefois, la réhabilitation est révoquée de plein droit si la personne réhabilitée commet, dans les trois (3) ans, une faute qualifiée in conduite financière.

En cas de révocation, la réhabilitation est considérée comme n'ayant jamais été accordée.

CHAPITRE IX: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 83: Mesures d'exécution

La Banque Centrale peut prendre des mesures contre une institution agréée et ses administrateurs ou cadres dirigeants qui ne se conforment pas au présent règlement.

Article 84: Mandats pour les administrateurs en service

Les administrateurs approuvés par la Banque Centrale avant la publication de ce Règlement dans la Journal Officielle de la République du Rwanda maintiennent leurs fonctions au plus 3 ans après la publication du présent Règlement au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Ingingo ya 85: Itegurwa n'isuzumwa ry'aya mabwiriza

Aya mabwiriza yateguwe kandi asuzumwa mu Cyongereza.

Ingingo ya 86: Ivanwaho ry'ingingo zibanziriza aya mabwiriza

Amabwiriza N°07/2009 yo kuwa 29/07/2009 ku bisabwa mu miyoboreye y'ikigo ku bijyana n'umurimo w'ubwishingizi n'zindi ngingo zose zinyuranyije n'aya Mabwiriza bivanyweho.

Ingingo ya 87: Ingingo z'inzibacyuho n'igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa

Haseguriwe ibitegenywa n'ingingo ya 83 na 84 zigomba guhita zikurikizwa, abishingizi bagomba gukurikiza aya mabwiriza mu gihe kitarenze amezi (12) uherye igihe atangirijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/11/2017

(se)

**RWANGOMBWA John
Guverineri.**

Article 85: Drafting and consideration of this Regulation

This Regulation was drafted and considered in English.

Article 86: Abrogation of previous provisions

Regulation N° 07/2009 of 29/07/2009 on corporate governance requirements for insurance business and all previous provisions contrary to this Regulation are hereby repealed.

Article 87: Transitional period and commencement

Without prejudice to the provisions of articles 83 and 84 which are immediately binding insurers must comply with the provisions of this Regulation after the period not exceeding twelve (12) months from the date of its publication in Official Gazette of Republic of Rwanda.

Kigali, on 23/11/2017

(se)

**RWANGOMBWA John
Governor.**

Article 85: Initiation et examen et du présent Règlement

Le présent Règlement a été initié et examiné en Anglais.

Article 86: Abrogation des dispositions antérieures

Règlement N° 07/2009 du 29/07/2009 sur les exigences de gouvernance d'entreprise pour l'activité d'assurance et toutes autres dispositions antérieures contraires au présent Règlement sont abrogées.

Article 87: Period transitoire et entrée en vigueur

Sans préjudice de l'articles 83 et 84 qui sont immédiatement applicables, les assureurs doivent se conformer aux dispositions du présent règlement après la période n'excédant pas douze (12) mois à compter de la date de leur publication dans la Journal Officielle de la République du Rwanda.

Kigali, le 23/11/ 2017

(se)

**RWANGOMBWA John
Gouverneur.**

UMUGEREKA: INYANDIKO NDENDERWAHO MU GUSUZUMA IMIKORERE Y'INAMA Y'UBUTEGETSI

##	IKIGENDERWAHO MU ISUZUMA	Uko bihagaze		Igihe		Ikibigaragaza
		Byaragkozwe	Ntibyakozwe	Igihe cyari kigenwe	Igihe cyarangiriyeho	
I. Imiterere y'inama y'ubutegetsi						
1.	Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu batandukanye, buhagije kandi bunyuranye					
2.	Inama y'ubutegetsi ifite umubare utegetswe w'abari mu nama y'ubutegetsi					
3.	Inama y'ubutegetsi ifite abagize inama y'ubutegetsi nibura 7 kandi nibura bane muri bo ni abigenga					
4.	Abagize inama y'ubutegetsi basimburwa hubahirijwe igihe giteganyijwe					
5.	Inama y'ubutegetsi yashyizeho komite zisabwa kandi zinahabwa inshingano zumvikana					
II. Imikorere y'inama y'ubutegetsi						
1.	Inama y'ubutegetsi ifite gahunda ngengamikorere y'umwaka igaragaza ibikorwa by'ingenzi byifuzwa gukorwa					
2.	Inama y'ubutegetsi ubwayo yikoreye isuzuma umwaka w'imari ushize					
3.	Hari uburyo bwiza kandi bunoze bwo guhana amakuru hagati y'ubuyobozi bukuru n'inama y'ubutegetsi					
4.	Hariho uburyo bwumvikana butuma inama y'ubutegetsi yigenga mu rwego rwo kwirinda cyangwa kugabanya igongana ry'inyungu					

5.	Ibiri ku murongo w'ibiyigwa muri buri nama y'ubutegetsi byerekeye ibiri muri gahunda y'ibikorwa					
6.	Abagize inama y'ubutegetsi bahabwa amahugurwa ahoraho kugirango bahore bazi neza ibigezweho n'ibishya ku isoko					
III.	Ingamba na politiki ngenderwaho mu kugera ku ntego					
1.	Inama y'ubutegetsi yemeje politiki ngengamikorere zirimo, (politiki ngenderwaho mu gutanga ubwishingizi, politiki igenga ubwishingizi bw'abishingizi, politiki igenga ikoranabuhanga, politiki igenga abakozi, politiki ijyanye no gucunga ingorane, politiki yerekeye gukoresha imirimo y'ikigo abakozi bo hanze yacyo, politiki yerekeye ikemurwa ry'ibibazo, n'amategeko ngengamyitwarire,..) kandi kandi izijyanisha n'igihe mu buryo buhoraho. Niba ari byo omekaho kopi.					
2.	Umwishingizi yashyizeho ingamba zo kugera ku ntego ze zishingiye ku bikorwa bye by'ingenzi					
3.	Inama y'ubutegetsi yakoze ibishoboka byose kugirango habeho gahunda ngengamikorere ya buri mwaka					
4.	Inama y'ubutegetsi yasuzumye gahunda y'imari izakoreshwa uwo mwaka, raporo z'imari, raporo y'umugenzuzi ndetse na politiki igenga ishoramari					
5.	Inama y'ubutegetsi yashyizeho uburyo bwo gusimburana ku buyobozi, uburyo bwo gutuma imirimo ikomeza nta kibazo ndetse n'uburyo bwo kuzahuka igihe haba habayeho ibibazo byo kwishyura. Niba ari byo omekaho kopi.					

6.	Inama y'ubutegetsi yamenyesheje abanyamigabane ibyerekeye igipimo cy'imari shingiro ndetse n'igipimo ntagibwa muni cyo kwishyura kandi ibagira inama ku byerekeye uburyo bwo kongera imari shingiro igihe ari ngombwa.					
7.	Inama y'ubutegetsi yagenzuye buri gihembwe uko serivisi z'ubwishingizi zunguka kandi inatekereza ku buryo bwakoresheya kugirango izitunguka zunguke. Niba ari byo, erekana isesengura ryakozwe ku kunguka kwa buri serivisi y'ubwishingizi.					
IV.	Uruhare rw'inama y'ubutegetsi mu ikurikiranabikorwa					
1.	Inama y'ubutegetsi yasuzumye imikorere y'ubuyobozi bukuru					
2.	Inama y'ubutegetsi yakurikiranye ibijyanye n'imikorere y'umugenzuzi w'imbere mu kigo kandi inakurikirana iby'umurimo w'ubugenzuzi					
3.	Inama y'ubutegetsi yarebye ko umwishingizi yatangaje uko imari ihagaze nk'uko bisabwa n'amabwiriza. Niba ari byo garagaza itariki byatangarijweho					
4.	Inama y'ubutegetsi yarebye ko ibikorwa by'ubuyobozi bukuru byubahiriza imirongo ngenderwaho mu kugera ku ntego z'ikigo nk'uko yemejwe n'inama y'ubutegetsi					
5.	Inama y'ubutegetsi yarebye ko ibyifuzonama byatanzwe n'umugenzuzi byubahirijwe kandi bigashirwa mu hikorwa.					
V.	Inama z'inama y'ubutegetsi					
1.	Buri nama y'inama y'ubutegetsi yitabiriwe ku kigero gitegetswe kandi buri wese mu bagize					

	inama y'ubutegetsi yitabiriye nibura ku kigero cya 75% mu mwaka wose w'imari					
2.	Buri ngingo yose iri ku murongo w'ibygwa mu nama y'ubutegetsi yibanda ku mirongo ngenamikorere y'ibikorwa by'ingenzi, igipimo cyo kwishyura no kuramba kw'umwishingizi.					

APPENDIX: TEMPLATE FOR BOARD SELF ASSESSMENT

##	CRITERIA FOR EVALUATION	Progress status		Indicated timeframe (If any)		Indicator
		Done	Not done	Planned time	Time on which it was achieved	
I.	Structure of the board					
1.	The board is composed of diversified members with diversified skills and knowledge					
2.	The board has a required number of members					
3.	The board has at least 7 directors and at least 4 of them are independent					
4.	The board members are replaced in accordance with the set time limit					
5.	The board has set all required board committees with clear responsibilities.					
II.	Functioning of the board					
1.	The board has its annual working program which highlights key performance indicators					
2.	The board conducted its self-assessment during the last financial year					
3.	There is a smooth communication between the senior management and the board					
4.	There is a comprehensive mechanism to guarantee independence of the board to avoid and/or mitigate conflicts of interest					

5.	Every agenda of the board meeting reflects what is included in the business plan.					
6.	Directors regularly benefit trainings to keep themselves updated about the trends in the sector.					
III.	Business strategy & policies					
1.	The board has approved strategic policy documents such as (Underwriting policy, Re-insurance program, IT policy, HR policy, Risk, management policy and strategies, Outsourcing policy of the insurer, Claims management policy, code of ethics etc) and updated them on a regular basis.					
2.	The insurer has clear strategic plans reflecting core areas of its operations.					
3.	The board has insured there is annual business plan and is firmly adhered to.					
4.	The board has reviewed annual budget, financial reports, accounts, auditor's report and investment policies.					
5.	The board has formulated a management succession plan, business continuity plan and recovery plan for solvency problem. If yes, attach the copy of the plan.					
6.	The board informed shareholders about the insurer's capital adequacy and margin of solvency and advised them on the appropriate manner of increasing capital levels when necessary.					
7.	Board of Directors assessed on quarterly basis the performance of each underwritten product and proposed corrective measures on the non-performing ones. If yes, indicate profitability analysis report for each product.					
IV.	Monitoring role of the board					
1.	The board assessed the senior management performance					
2.	The board has monitored effectiveness of internal audit and internal control functions.					

3.	The Board has overseen the publication of annual audited financial statements as required by the regulations. If yes, please indicate the date of publication.					
4.	Board monitored that the senior management's actions are consistent with the strategy and policies approved by the board.					
5.	The board made sure that the recommendations of the regulator have been complied with/implemented					
V.	Board meeting					
1.	Every board sitting has reached the required quorum and individual board attendance reached at least 75% for the whole financial year.					
2.	Board agenda clearly reflect the business plan of an insurer KPIs, solvency and sustainability of the institution					

ANNEXE: FORMULAIRE D'AUTO-ÉVALUATION DU CONSEIL D'ADMINISTRATION

##	CRITÈRES D'ÉVALUATION	État d'avancement		Périod d'exécution (le cas échéant)		Indicateur
		achevé	Non-achevé	Temps prévu	Atteint/temps	
I.	Structure du conseil d'administration					
1.	Le conseil est composé de membres diversifiés ayant des compétences et des connaissances diversifiées					
2.	Le conseil a un nombre requis de membres					
3.	Le conseil a au moins 7 administrateurs et au moins 4 d'entre eux sont indépendants					
4.	Les membres du conseil d'administration sont remplacés conformément au délai fixé					
5.	Le conseil a mis en place tous les comités de conseil requis avec des responsabilités claires.					

II. Fonctionnement du conseil d'administration						
1.	Le conseil a son programme de travail annuel qui révèlent les principaux indicateurs de performance					
2.	Le conseil d'administration a effectué son auto-évaluation au cours du dernier exercice financier					
3.	Il existe une communication harmonieuse entre la haute direction et le conseil d'administration					
4.	Il existe un mécanisme complet garantissant l'indépendance du conseil pour éviter et / ou atténuer les conflits d'intérêts					
5.	Chaque programme de la réunion du conseil reflète ce qui est inclus dans le plan d'affaires					
6.	Les administrateurs bénéficient régulièrement de formations pour se tenir au courant des tendances du secteur.					
III. Stratégie et politiques commerciales						
1.	Le conseil d'administration a approuvé les documents de politique stratégique tels que (politique de souscription, programme de réassurance, politique informatique, politique des ressources humaines, politique et stratégies de gestion des risques, politique d'impartition de l'assureur, politique de gestion des réclamations, code d'éthique etc.) et les a mis à jour régulièrement.					
2.	L'assureur a des plans stratégiques clairs reflétant les domaines essentiels de ses opérations.					
3.	Le conseil a assuré qu'il existe un plan d'affaires annuel et qu'il est fermement respecté.					
4.	Le conseil a examiné le budget annuel, les rapports financiers, les comptes, le rapport de l'auditeur et les politiques d'investissement.					
5.	Le conseil a formulé un plan de relève de la gestion, un plan de continuité des activités et un plan de relance pour un problème de solvabilité. Si oui, joignez la copie du plan.					
6.	Le conseil a informé les actionnaires de l'adéquation des capitaux et de la marge de solvabilité de l'assureur et les a					

	donnés conseils appropriées d'augmenter les niveaux de capital si nécessaire.					
7.	Le conseil d'administration a évalué trimestriellement l'exécution de chaque produit souscrit et les mesures correctives proposées sur les produits non performants. Si oui, indiquez le rapport d'analyse de rentabilité pour chaque produit.					
IV.	Le role de suivi du conseil d'administration					
1.	Le conseil a évalué le rendement de la haute direction					
2.	Le conseil a surveillé l'efficacité de l'auditeur interne et des fonctions de contrôle interne.					
3.	Le Conseil a supervisé la publication des états financiers annuels vérifiés conformément aux règlements. Si oui, veuillez indiquer la date de publication.					
4.	Le conseil a surveillé que les actes de la haute direction sont conformes à la stratégie et aux politiques approuvées par le conseil d'administration.					
5.	Le conseil a veillé à ce que les recommandations du régulateur aient été respectées et mises en oeuvre.					
V.	Réunion du conseil d'administration					
1.	Chaque séance du conseil d'administration a atteint le quorum requis et la participation individuelle du conseil a atteint au moins 75% pour l'ensemble de l'exercice financier.					
2.	L'ordre du jour du Conseil reflète clairement le plan d'affaires de l'assureur, la solvabilité et la durabilité de l'institution.					